AMATEKA Y'URUGAGA RW'ABANDITSI MU RWANDA

0. INTANGIRIRO

Mu Rwanda, umuco wo kwandika wazanywe n'abamisiyoneri mu myaka ya 1900, ubwo Kiliziya Gatorika yageraga mu Rwanda. Ibyinshi mu bitabo byandikwaga icyo gihe, byandikwaga n'abazungu mu rwego rwo gukwirakwiza amahame y'ukwemera kwa Kiliziya. Amabwiriza agenga imyandikire y'Ikinyarwanda ya mbere yashyizweho n'Abamisiyoneri. Mu gitabo yanditse mu wa 1911 yise "*Manuel de grammaire Kinyarwanda",* Padiri Eugène Hurel yagize ati: «*uko twandika Ikinyarwanda ubu ni ko Abanyarwanda batwigiraho gusoma no kwandika bazajya bandika*». [Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco, 2012]

Uko Abanyarwanda barushagaho kugenda bamenya gusoma no kwandika, ni ko barushijeho gucukumbura n'ibiri mu muco wabo basanga byajya mu nyandiko, ibyo bikaba byaratunye ubuvanganzo nyandiko burushaho kwamamara.

Mu Banyarwanda bize, uwatangiye guhimba yandika ni Padiri Gafuku Balitazari. Mu mwaka wa 1929, Padiri Gafuku yanditse igitabo yise "***Igitabo cy'Abanyeshuri bo mu Rwanda***", abenshi bitaga "*Nyirambohera*", gikubiyemo imigani ya kinyarwanda n'indi yahimbye afatiye ku byo yasomye.

Abandi banditsi bamamaye mu mateka n'umuco by'u Rwanda ni Musenyeri Kagame Alegisi wanditse ibitabo byinshi birimo "***Umuririmbyi wa Nyiribiremwa***", "***Amazina y'Inka***", "***Indyoheshabirayi***", "***Un Abbrégé de l'Ethno-histore du Rwanda***" n'ibindi. Undi mwanditsi wamamaye ni Musenyeri Bigirumwami Aloyizi kubera igibo yanditse ku muco kitwa "***Imihango n'Imigenzo n'Imiziririzo mu Rwanda"***.

Nyuma y'aba banditsi babaye ibyamamare mu mateka y'u Rwanda, haragenda havuka abandi. Mu rwego rwo kurushaho guteza imbere umuco wo kwandika

mu Rwanda, Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco (RALC) yafshije abanditsi nyarwanda gushyiraho urugaga rubahuza.

1. URUGAGA RW'ABANDITSI MU RWANDA

Mu rwego rwo guteza ubwanditsi imbere, mu wa 2015, RALC yashyizeho Urugaga rw'Abanditsi rugizwe n'amahuriro atatu y'ingenzi: Ihuriro ry'Abanditsi "Solidaire Umurinzi", Ihuriro ry'Abakora inkuru zishushanyije n'Ihuriro ry'Abatangaza Ibitabo.

2. IMITERERE Y'URUGAGA RW'ABANDITSI MU RWANDA

Urugaga rw'abanditsi mu Rwanda ni rumwe mu ngaga esheshatu (6) zigize Inama y'Igihugu y'Abahanzi nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira: